
# URUMURI RWA BUJI

## Amashuri y'inshuke



NDAHAYO Ferdinand

Perdua Publishers

# URUMURI RWA BUJI

## Amashuri y'inshuke



Cyanditswe na:
NDAHAYO Ferdinand

Cyashushanyijwe na:
BYIRINGIRO Bahizi Max

Perdua Publishers

PO Box 3405 Kigali

Email: info@perduap.com

Website: www.perduap.com

© Perdua Publishers 2021

Cyatangajwe bwa mbere mu mwaka wa 2021

Abantu bose bahawe uburenganzira bukurikira kuri iki gitabo: kugisoma yaba mu buryo bw'ikoranabuhanga cyangwa ku mpapuro, kugikura kuri murandasi, kugifotoza cyangwa kugicapisha mu mpapuro, kugihererekanya yaba ku mpapuro cyangwa ku mbuga z'ikoranabuhanga (iziriho cyangwa izizavumburwa nyuma) no kugihindura mu ndimi izo ari zo zose. Abagikoresha ntibemerewe kugicuruza cyangwa kukibyazamo amafaranga mu buryo ubwo ari bwo bwose, batabiherewe uburenganzira mu nyandiko n'abagitangaje.





Mu muryango wa Kabeyi nta mashanyarazi bagira. Iyo bwije bakoresha urumuri rwa buji kugira ngo habone.



Buji bazigura ku iduka, maze bwakwira bakazicana.



Buji zitanga urumuri, maze mu nzu hose hakabona.



Kabeyi ntazi impamvu buji bacanye ishonga, bigatuma bagura indi.



Umunsi umwe, mu gihe cy'umugoroba,
Kabeyi yashakaga gusubiramo amasomo ye.



Mu cyumba yigiramo harimo buji nyinshi zitanga urumuri ruhagije.



Hashize umwanya munini abona zose zirazimye. Ngo arebe aho zari ziri arazibura.



Ahamagara nyina agira ati: “Mama, buji zange sinzi aho zigiye.”



Nyina ati: “Yooo! Kabe, nta ho zagiye, ahubwo zashonze zirashira.”



Akomeza amusobanurira ati: “Burya buji zikoze mu bishashara, bishongeshwa n’ubushyuhe.



Ni nk'uko iyo amavuta yafatanye, uyegereza umuriro agashonga akaba nk'amazi.



Kugira ngo buji zitange urumuri, akadodo karaka kagatwika igishashara. Ubwo buji zirashonga zikaba amazi.





Uko akadodo kaka ni na ko gakomeza gutwika ibindi bishashara bigashonga, kugeza igihe buji ishiriye.



Kuva ubwo Kabeyi asobanukirwa imikorere ya buji! Akomeza gusubiramo amasomo ye.

*Inkuru za Perdua Publishers zigenewe gukundisha abana gusoma Ikinyarwanda. Bashobora kuzisomera cyangwa se kuzisomerwa n'ababyeyi n'abarezi igihe bataramenya gusoma ubwabo.*










**Perdua Publishers**

Cyatunganijwe kinacapwa na Perdua Publishers
P.O. Box 3405 Kigali, Rwanda